# 242: Mwana w'Imana, mbega wakoz’iki

1. Mwana w'Imana, mbega wakoz’iki,Cyatumy’ucirw’iteka iy’ababi ? Impamvu n'iki yaguteye gupfa ?Uyitubwire, turakwinginze.

2. Wapfuy' urupfu rw'abagome, Mwami Uhemurwa, ushinyagurirwa. Ntangajwe n'uko.wemeye kubambwa, Upfa nab’utyo ku Musaraba.

3. Ayo makuba wayatewe n'iki ? N’ibyaha byanjye bakujijije ! Ni jye wapfiriye, nd’umunyabyaha : Sinkwiriy’izo mbabazi zawe!

4. Nta cyaha wigcze gukora, Yesu :Ubuntu bwawe burantangaza Ibyaha byanjye bitagir’ingano Warabyikorey’ urandokora.

5. Reka ngushimir' ubwo buntu bwinshi !Nariha nte kubabara kwawe? Akir’ubwenge bwanjye n'ubugingo. Sinkir’uwanjye: waranshunguye

Visit us at indirimbo.com